



REPUBLIKA Y'U RWANDA  
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



**RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO  
Y'IGIHUGU Y'AMATORA MU MWAKA  
W'INGENGO Y'IMARI WA 2023-2024**



## IJAMBO RY'IBANZE

Nk'uko biteganywa n' Itegeko n° 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu ngingo yaryo ya 5, "Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika gahunda na raporo by'ibikorwa byayo, ikagenera kopi Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Minisitiri w'Intebe na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano."

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye iyi raporo y'ibikorwa byayo byo mu mwaka wa 2023-2024, byibanze ku myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite, yari ateganyijwe muri Nyakanga 2024 n'ay'Abasenateri yari ateganyijwe muri Nzeri 2024.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze kandi ku birebana no gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora ku baturage muri rusange no ku byiciro byihariye bigira uruhare mu matora.

Mu gutegura amatora hongerewe ubushobozi bwa Komisiyo mu birebana n'ikoranabuhanga, abakozi, itumanaho n'imyenekanishabikorwa, igenamigambi n'imicungire y'ingengo y'imari, ibikoresho na serivisi.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira abafatanyabikorwa bose uruhare rwabo mu bikorwa by'amatora by'umwihariko Guverinoma y'u Rwanda ku bushobozi yayigeneye, n'Abanyarwanda bose muri rusange ku ruhare rwabo mu myiteguro n'imigendekere myiza y'amatora yakozwe.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iboneyeho kandi umwanya wo gukangurira Abanyarwanda gukomeza kwitabira ibikorwa by'imyiteguro n'amatora nyirizina ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, ay'Abasenateri n'ay'umujiyi wa Kigali, yose ateganyijwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025.

## GASINZIGWA Oda

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

## **ISHAKIRO**

|   |           |
|---|-----------|
| <b>IJAMBO RY'IBANZE</b>   | <b>1</b>  |
| <b>ISHAKIRO</b>   | <b>2</b>  |
| <b>ILISITI Y'IMBONERAHAMWE</b>  | <b>3</b>  |
| <b>AMAGAMBO AHINNYE</b>   | <b>4</b>  |
| <b>1. INTANGIRIRO</b>   | <b>5</b>  |
| <b>2. IBIKORWA BY'INGENZI BYARI BITEGANIJWE MU MWAKA WA 2023-2024</b>   | <b>5</b>  |
| <b>3. IBYAKOZWE</b>   | <b>6</b>  |
| <b>3.1. KUNOZA IBIJYANYE N'AMATEGEKO</b>  | <b>6</b>  |
| 3.1.1. ITEGEKO NGENGNA RIHINDURA ITEGEKO NGENGNA N° 001/2019.OL RYO KU WA 29/07/2019 RIGENGA AMATORA                            | 6         |
| 3.1.2. ITEGEKO RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA  | 6         |
| 3.1.3. AMATEKA YA PEREZIDA YEREKEYE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABADEPITE   | 6         |
| 3.1.4. ITEKA RYA PEREZIDA RIGENA UMUNSI W'ITORA N'IGIHE CYO KWIYAMAMAZA MU MATORA Y'ABASENATERI                                 | 7         |
| 3.1.5. AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA<br>N'AY'ABADEPITE YO MU MWAKA WA 2024 | 7         |
| <b>3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA</b>  | <b>7</b>  |
| 3.2.1. GUTEGURA AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABADEPITE   | 7         |
| 3.2.2. GUTEGURA AMATORA Y'ABASENATERI   | 11        |
| 3.2.3. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA YO KUZUZA INZEGO ZITORERWA  | 11        |
| 3.2.4. KUNOZA IKORANABUHANGA MU BIKORWA BY'AMATORA  | 24        |
| <b>3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA</b>   | <b>24</b> |
| 3.3.1. GUTEGURA NO GUTUBURA IMFASHANYIGISHO Z'AMAHUGURWA  | 24        |
| 3.3.2. GUHUGURA IBYICIRO BITANDUKANYE KU MATORA   | 25        |
| <b>3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO</b>   | <b>26</b> |
| 3.4.1. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO   | 26        |
| 3.4.2. IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'IZINDI NZEGO   | 27        |
| <b>3.5. IMICUNGIRE Y'ABAKOZI N'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU<br/>Y'AMATORA</b>   | <b>27</b> |
| 3.5.1. IMICUNGIRE Y'ABAKOZI   | 27        |
| 3.5.2. IMICUNGIRE Y'INGENO Y'IMARI  | 29        |
| <b>3.6. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA</b>  | <b>30</b> |
| 3.6.1. IMIKORERE Y'INAMA Y'ABAKOMISERI  | 30        |
| 3.6.2. IMIKORERE Y'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA  | 31        |
| 3.6.3. KUNOZA IMIKORERE YA KOMISIYO   | 31        |
| <b>4. INZITIZI ZAGARAGAYE</b>   | <b>33</b> |
| <b>5. INGAMBA N'IBYIFUZO</b>  | <b>33</b> |
| <b>6. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANIJWE MU MWAKA WA 2024-2025</b>   | <b>33</b> |
| <b>7. UMUSOZO</b>   | <b>34</b> |

## **ILISITI Y'IMBONERAHAMWE**

|  |    |
|--|----|
| Imbonerahamwe ya 1: Ilisiti y'itora n'iy'inteko zatoye mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite.....         | 8  |
| Imbonerahamwe ya 2: <i>Imibare y'Ibiro, Ibyumba n'Abakorerabushake mu matora ya Perezida n'ay'Abadepite</i> .....      | 9  |
| Imbonerahamwe ya 3: <i>Kandidatire zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite</i> .....                                 | 10 |
| Imbonerahamwe ya 4: <i>Imibare y'Abakorerabushake bafashije mu kuyobora amatora mu Ntara n'Umujiyi wa Kigali</i> ..... | 12 |
| Imbonerahamwe ya 5: <i>Ibyavuye mu matora yo gusimbura muri Komite Nyobozi z'Imidugudu</i> ....                        | 14 |
| Imbonerahamwe ya 6: <i>Umubare w'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imidugudu batowe</i> .....                            | 14 |
| Imbonerahamwe ya 7: <i>Abajyanama rusange bahagarariye Imidugudu mu Nama Njyanama y'Akagari</i> .....                  | 15 |
| Imbonerahamwe ya 8: <i>Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Utugari</i> .....   | 15 |
| Imbonerahamwe ya 9: <i>Abajyanama bahagarariye nibura 30% by'Abagore bagize Inama Njyanama z'Utugari</i> .....         | 15 |
| Imbonerahamwe ya 10: <i>Biro z'Inama Njyanama z'Utugari</i> .....  | 16 |
| Imbonerahamwe ya 11: <i>Abajyanama rusange bahagarariye Akagari mu Nama Njyanama z'Imirenge</i> .....                  | 16 |
| Imbonerahamwe ya 12: <i>Abajyanama buzuza nibura 30% by'Abagore mu Nama Njyanama z'Imirenge</i> .....                  | 16 |
| Imbonerahamwe ya 13: <i>Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge</i> .....   | 17 |
| Imbonerahamwe ya 14: <i>Abayobozi batowe ku rwego rw'Uturere n'Umujiyi wa Kigali</i> .....                             | 17 |
| Imbonerahamwe ya 15: <i>Amazina y'Abayobozi batowe ku rwego rw'Akarere n'Umujiyi wa Kigali</i> 18                      |    |
| Imbonerahamwe ya 16: <i>Ibyavuye mu matora yo gusimbura mu Nama z'Igihugu</i> .....                                    | 21 |
| Imbonerahamwe ya 17: <i>Incamate y'Abayobozi batowe mu matora yo kuzuza n'ikigereranyo cy'abasimbuwe</i> .....         | 22 |
| Imbonerahamwe ya 18: <i>Iterwa ry'umushinga w'ikoranabuhanga mu micungire y'amatora "REMIS"</i> .....                  | 24 |
| Imbonerahamwe ya 19: : <i>Imfashanyigisho ku matora zateguwe zikanatuburwa</i> .....                                   | 25 |
| Imbonerahamwe ya 20: <i>Ibyiciro byahuguwe ku matora n'ubwitabire</i> .....  | 25 |
| Imbonerahamwe ya 21: <i>Isuzumamikorere ry'abakozi mu mwaka wa 2022-2023</i> .....                                     | 28 |
| Imbonerahamwe ya 22: <i>Abakozi bazamuwe mu ntera</i> .....  | 28 |
| Imbonerahamwe ya 23: <i>Abakozi b'ingoboka bashyizweho</i> .....   | 29 |
| Imbonerahamwe ya 24: <i>Ingengo y'imari Komisiyo yabonye mu mwaka wa 2023-2024 n'uko yakoreshejwe</i> .....            | 30 |
| Imbonerahamwe ya 25: <i>Ibikorwa bigari n'ingengo y'imari yabyo mu myaka ya 2023-2024 na 2024-2025</i> .....           | 31 |

## **AMAGAMBO AHINNYE**

|       |  |
|-------|--|
| AAEA  | Ishyirahamwe ry'Inzego Nyafurika ziyobora amatora (Association of African Electoral Authorities/ Association des Autorités Electorales en Afrique) |
| AU    | Umuryango wa Afurika yunze Ubumwe (African Union)  |
| DGPR  | Ishyaka riharanira demokarasi no kurengera ibidukikije mu Rwanda (Democratic Green Party of Rwanda)  |
| FPR   | Umuryango FPR- Inkotanyi (Front Patriotique Rwandais)  |
| NEC   | Komisiyo y'Ighugu y'Amatora (National Electoral Commission)  |
| PDI   | Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi (Parti Démocratique Idéal)  |
| PL    | Ishyaka riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu (Parti Libéral)   |
| PS    | Ishyaka ry'Imberakuri Riharanira Imibereho Myiza (Parti Social)  |
| PSD   | Ishyaka riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (Parti Social Démocratique)  |
| REMIS | Porogaramu y'Ikoranabuhanga mu Miyoborere y'Amatora mu Rwanda (Rwanda Election Management Information System)                                      |

## **1. INTANGIRIRO**

Mu mwaka wa 2023-2024 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa by'imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ateganyijwe muri Nyakanga 2024, amatora y'Abasenateri ateganyijwe muri Nzeri 2024, amatora yo gusimbura mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu, gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora ku byiciro byihariye bigira uruhare mu matora no kumenyekanisha amatora ku Banyarwanda n'abandi bafatanyabikorwa.

Ibindi bikorwa by'ingenzi byatunganyijwe mu mwaka wa 2023-2024 n'ibikorwa bya buri munsi harimo gushaka ibikoresho na serivisi bikenewe, gucunga ingengo y'imari, abakozi n'imishahara yabo, kunoza igenamigambi ry'umwaka wa 2023-2024 no gutegura iry'umwaka wa 2024-2025.

Iyi raporo irambuye irerekana muri rusange ibyari biteganyijwe gukorwa mu mwaka, imigendekere y'ibyakozwe kuva muri Nyakanga 2023 kugera muri Kamena 2024 igikorwa ku kindi, imbogamizi zagararagaye, ingamba zo kuzikemura n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025.

## **2. IBIKORWA BY'INGENZI BYARI BITEGANYIJWE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2023-2024**

Nk'uko bigaragara kuri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2023-2024, ibikorwa by'ingenzi byari biteganyijwe mu mwaka ni ibi bikurikira:

- 1) Gutegura gahunda y'amatora n'ibirebana n'amategeko y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yari ateganyijwe mu mwaka wa 2024;
- 2) Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora;
- 3) Kugura ibikoresho by'amatora;
- 4) Kuvugurura Ilisiti y'Itora;
- 5) Kwakira indorerezi z'amatora;
- 6) Kwakira kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika n'imyanya y'Abadepite;
- 7) Gukora inama n'Abafatanyabikorwa b'amatora;
- 8) Gukora isuzumamikorere no gushyiraho abakorerabushake bazayobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;
- 9) Gutegura gahunda y'amatora y'Abasenateri n'ibirebana n'amategeko yayo;
- 10) Gutegura no kuyobora amatora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego zitorerwa;
- 11) Gukora isuzumamigendekere rya gahunda y'inyigisho z'Uburer Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2022-2023;
- 12) Gutegura gahunda y'inyigisho z'Uburer Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2023-2024 n'imfashanyigisho no gutanga amahugurwa y'uburere mboneragihugu ku matora ku byiciro bitandukanye;
- 13) Kunoza Gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari bya Komisiyo mu mwaka wa 2023-2024; hashingiwe ku yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko no gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2024-2025;
- 14) Gucunga ingengo y'imari, amasoko, ibikoresho na serivisi;
- 15) Gukora ubugenzuzi (audit) bwite;
- 16) Gukora isuzumamikorere ry'abakozi ry'umwaka wa 2022-2023 no gutegura Imihigo y'umwaka wa 2023-2024;

- 17) Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu bitangazamakuru n'ubundi buryo butandukanye;
- 18) Kwitabira no gukurikirana ibikorwa bya gahunda yo kwibuka *Jenoside* yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

### **3. IBYAKOZWE**

#### **3.1. KUNOZA IBIJYANYE N'AMATEGEKO**

Mu rwego rwo kunoza ibijyanye n'amategeko, mu mwaka wa 2023-2024 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi ikurikirana ibirebana n'imishinga y'amategeko, amateka n'amabwiriza bikurikira.

##### **3.1.1. Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe**

Mu mwaka wa 2023-2024, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye imbanzirizamushinga y'Itegeko Ngenga rihindura Itegeko Ngenga rigenga amatora ushyikirizwa inzego bireba. Komisiyo yakurikiranye isesengurwa n'iyemezwu ryawo n'izo nzego kugeza "**Itegeko Ngenga rihindura Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora**" ritangajwe mu igazeti ya leta N° idasanzwe yo ku wa 29/11/2023.

##### **3.1.2. Itegeko rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye imbanzirizamushinga y'Itegeko rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Iryo tegeko ryemezwu n'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite, risohoka mu igazeti ya Leta nomero idasanzwe yo ku wa 07/05/2024 ryitwa "**Itegeko n°043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**".

##### **3.1.3. Iteka rya Perezida ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye Umushinga w'Iteka rya Perezida ryerekeye amatora ya Perezida wa Repuburika n'ay'Abadepite ushyikirizwa inzego bireba. Nyuma yo kwemezwu n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 29/11/2023 ritangazwa mu igazeti ya Leta N° 49 Bis yo ku wa 11/12/2023 ryitwa "**Iteka rya Perezida N° 077/01 ryo ku wa 11/12/2023 ryerekeye amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite**".

Iri Teka ryateganyije ko amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite akorwa kuva 14-16/07/2024, naho ibikorwa byo kwiyamamaza bigatangira ku itariki ya 22/06/2024 bikarangira ku itariki ya 13/07/2024.

### **3.1.4. Iteka rya Perezida rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abasenateri**

Hashingiwe ku itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, mu ngingo yaryo ya 58, Komisiyo yateguye umushinga w'Iteka rya Perezida rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abasenateri, ryemezwa n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 14/06/2024, ritangazwa mu igazeti ya Leta nomero idasanzwe yo ku wa 16/06/2024 ryitwa “**Iteka rya Perezida n° 059/01 ryo ku wa 16/06/2024 rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abasenateri**”.

### **3.1.5. Amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amategeko n'amateka bigenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yavuzwe haruguru, hateguwe Amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024, atangazwa mu Igazeti ya Leta nomero idasanzwe yo ku wa 20/02/2024 yitwa **“Amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora N° 001/2024 yo ku wa 19/02/2024 agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024”**.

## **3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA**

Mu mwaka wa 2023-2024 hibanzwe ku myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite, amatora y'Abasenateri n'amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze kuva ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Akarere, Umuyi wa Kigali no mu Nama z'Ighugu.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yashyize kandi umwihariko mu bikorwa by'ikoranabuhanga mu matora cyane mu kuvugurura ilisiti y'itora, guhuza amajwi no kwakira indorerezi z'amatora.

### **3.2.1. Gutegura amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite**

Mu mwaka wa 2023-2024 Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yashyize imbaraga mu myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite yari ateganyijwe kuva ku itariki ya 14 kugeza ku ya 16 Nyakanga 2024.

Hatunganyijwe ibikorwa bitandukanye by'imyiteguro ibanziriza amatora nyirizina, umwaka wa 2023-2024 urangira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amatora rigeze ku gikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida.

#### **3.2.1.1. Gutegura gahunda y'amatora**

Gahunda y'amatora yateguve igaragaza amatariki y'amatora ku buryo bukurikira:

- **14 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga ku Banyarwanda baba mu Mahanga;
- **15 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga mu Rwanda;

- **16 Nyakanga 2024:** amatora y'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Igihugu, Abadepite 2 batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Umudepite 1 utorwa n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga.

### 3.2.1.2. Kuvugurura ilisiti y'itora

Mu rwego rw'imyiteguro y'amatora, mu Midugudu no muri Ambasade z'u Rwanda mu mahanga ilisisiti y'itora yavuguruwe hakoreshejwe inyandiko n'ikoranabuhanga. Hanategurwa ilisiti y'inteko zitora Abadepite batorwa mu matora aziguye.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'abaturage bari ku ilisiti y'itora yatangajwe ku itariki ya 29/06/2024.

#### **Imbonerahamwe ya 1: Ilisiti y'itora n'iy'inteko zatoye mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite**

| INTARA N'UMUJYI WA KIGALI | ILISITI Y'ITORA           |                  |           |                  |           |                  |           | AMATORA AZIGUYE |             |                 |
|---------------------------|---------------------------|------------------|-----------|------------------|-----------|------------------|-----------|-----------------|-------------|-----------------|
|                           | AMATORA RUSANGE ATAZIGUYE |                  |           |                  |           |                  |           | AMATORA AZIGUYE |             |                 |
|                           | BOSE                      | GABO             | %         | GORE             | %         | URUBYIRUKO       | %         | ABAGORE         | URUBYI RUKO | ABAFITE UBUMUGA |
| UMUJYI WA KIGALI          | 1,172,229                 | 609,986          | 52        | 562,243          | 48        | 470,043          | 40        | 24,082          | 261         | 658             |
| AMAJYEPFO                 | 2,055,930                 | 928,649          | 45        | 1,127,281        | 55        | 876,987          | 43        | 31,539          |             |                 |
| IBURENGERAZUBA            | 2,038,931                 | 923,360          | 45        | 1,115,571        | 55        | 915,369          | 45        | 32,511          |             |                 |
| AMAJYARUGURU              | 1,480,558                 | 678,690          | 46        | 801,868          | 54        | 654,240          | 44        | 31,789          |             |                 |
| IBURASIRAZUBA             | 2,246,371                 | 1,043,812        | 46        | 1,202,559        | 54        | 833,633          | 37        | 10,226          |             |                 |
| DIASPORA                  | 77,138                    | 41,243           | 53        | 35,895           | 47        | 16,915           | 22        | -               |             |                 |
| <b>IGITERANYO</b>         | <b>9,071,157</b>          | <b>4,225,740</b> | <b>47</b> | <b>4,845,417</b> | <b>53</b> | <b>3,767,187</b> | <b>42</b> | <b>130,147</b>  | <b>261</b>  | <b>658</b>      |

### 3.2.1.3. Kugena ahatorerwa no gushyiraho abakorerabushake b'amatora

Nyuma yo gusura no kugenzura ibiro by'itora no kubitunganya ku bufatanye n'Inzego za Leta zitandukanye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye ahatorerwa inashyiraho abayobora amatora mu Rwanda no mu mahanga.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza imibare y'ahabereye amatora n'iy'abakorerabushake bafashije mu miyoborere yayo.

*Imbonerahamwe ya 2: Imibare y'Ibiro, Ibyumba n'Abakorerabushake mu matora ya Perezida n'ay'Abadepite*

| Intara/Umujiyi wa Kigali | Imibare y'Inzego z'imitgekekere y'Igihugu |            |              |               | Ahatorerwa     |                  | Abakorerabushake b'amatora |                  |                    |              |               |
|--------------------------|---|------------|--------------|---------------|----------------|------------------|----------------------------|------------------|--------------------|--------------|---------------|
|                          | Uturere                                   | Imirenge   | Utugari      | Imidugudu     | Ibiro by'itora | Ibyumba by'itora | Ku Mirenge                 | Ku Biro by'Itora | Mu byumba by'itora | Abasimbura   | Igiteranyo    |
| Amajyaruguru             | 5   | 89         | 414          | 2.744         | 460            | 2,861            | 178                        | 460              | 14,305             | 1,832        | <b>16,775</b> |
| Amajyepfo                | 8   | 101        | 532          | 3.501         | 579            | 3,939            | 202                        | 579              | 19,695             | 2,312        | <b>22,788</b> |
| Iburasirazuba            | 7   | 95         | 503          | 3.792         | 621            | 4,163            | 190                        | 621              | 20,815             | 2,466        | <b>24,092</b> |
| Iburengerezuba           | 7   | 96         | 538          | 3.624         | 607            | 3,782            | 192                        | 607              | 18,910             | 2,428        | <b>22,137</b> |
| Umujiyi wa Kigali        | 3   | 35         | 161          | 1.176         | 176            | 1,727            | 70                         | 176              | 8,635              | 704          | <b>9,585</b>  |
| <b>Mu Gihugu</b>         | <b>30</b>                                 | <b>416</b> | <b>2,148</b> | <b>14,837</b> | <b>2,443</b>   | <b>16,472</b>    | <b>832</b>                 | <b>2,443</b>     | <b>82,360</b>      | <b>9,742</b> | <b>95,377</b> |
| Diaspora                 | -   | -          | -            | -             | 158            | 1,010            | -                          | 158              | 1,010              | -            | <b>1,168</b>  |
| <b>Igiteranyo</b>        | <b>30</b>                                 | <b>416</b> | <b>2,148</b> | <b>14,837</b> | <b>2,601</b>   | <b>17,482</b>    | <b>832</b>                 | <b>2,601</b>     | <b>83,370</b>      | <b>9,742</b> | <b>96,545</b> |

### 3.2.1.4. Kwakira no kwemeza kandidatire

Guhera ku itariki ya 17 kugeza ku ya 30 Gicurasi 2024 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye Kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika n'Abadepite.

Nyuma yo gusuzumwa n'Inama y'Abakomiseri, Kandidatire zemejwe zatangajwe by'agateganyo ku wa 6 Kamena 2024, zitangazwa burundu ku itariki ya 14 Kamena 2024.

Ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, kuri Kandidatire zose hamwe **9** zakiriwe, abakandida **3** nibo bemejwe burundu harimo 2 batanzwe n'Imitwe ya Politiki n'umwe wigenga. Abo ni:

- 1) **Nyakubahwa KAGAME Paul** watanzwe n'Umuryango FPR- Inkotanyi;
- 2) **Bwana HABINEZA Frank** watanzwe n'Ishyaka riharanira Demokarasi no kurengera ibidukikije mu Rwanda (DGPR Green Party);
- 3) **Bwana MPAYIMANA Philippe** wari Umukandida wigenga.

Ku myanya y'Abadepite, hakiriwe kandidatire zose hamwe **666** ku byiciro byose, hemezwa burundu **589** nk'uko imbonerahamwe ya 3 ikurikira ibyerekana.

#### *Imbonerahamwe ya 3: Kandidatire zakiriwe n'izemejwe ku myanya y'Abadepite*

| N°                        | KANDIDATIRE ZAKIRIWE   |            |            |            |             | KANDIDATIRE ZEMEJWE |              |            |              |
|---------------------------|--|------------|------------|------------|-------------|---------------------|--------------|------------|--------------|
|                           | IBYICIRO   | BOSE       | GABO       | GORE       |             | BOSE                | %            | GORE       |              |
|                           |  |            |            | Bose       | %           |                     |              | Bose       | %            |
| 1                         | <b>ABADEPITE 53 BATORWA MU MATORA RUSANGE ATAZIGUYE</b>                                | <b>419</b> | <b>242</b> | <b>177</b> | <b>42.2</b> | <b>346</b>          | <b>82.6</b>  | <b>154</b> | <b>44.4</b>  |
|                           | <b>1.1. Imitwe ya Politiki</b>   | <b>392</b> | <b>218</b> | <b>174</b> | <b>44.4</b> | <b>345</b>          | <b>88.0</b>  | <b>154</b> | <b>44.5</b>  |
|                           | - Umuryango FPR-Inkotanyi n'Imitwe ya Politiki bafatanyije (PDC, PPC, PSR, PSP, UDPR)  | 80         | 42         | 38         | 47.5        | 80                  | 100.0        | 38         | 47.5         |
|                           | - Ishyaka riharanira ukwisyira ukizana kwa buri muntu (PL)                             | 54         | 28         | 26         | 48.1        | 54                  | 100.0        | 26         | 48.1         |
|                           | - Ishyaka riharanira demokarasi n'Imberecho myiza y'abaturage (PSD)                    | 59         | 35         | 24         | 40.7        | 59                  | 100.0        | 24         | 40.7         |
|                           | - Ishyaka riharanira demokarasi no kurengera ibidukikije mu Rwanda (DGPR- Green Party) | 64         | 32         | 32         | 50.0        | 50                  | 78.1         | 24         | 48           |
|                           | - Ishyaka Ntangarugero muri demokarasi (PDI)   | 55         | 32         | 23         | 41.8        | 55                  | 100.0        | 23         | 41.8         |
|                           | - Ishyaka ry'Imberakuri riharanira imibercho myiza (PS Imberakuri)                     | 80         | 49         | 31         | 38.8        | 47                  | 58.8         | 19         | 40.4         |
|                           | <b>1.2. Abakandida Bigenga</b>   | <b>27</b>  | <b>24</b>  | <b>3</b>   | <b>11.1</b> | <b>1</b>            | <b>3.7</b>   | <b>0</b>   | <b>0</b>     |
|                           | <b>IBYICIRO BYIHARIYE: IMYANYA 27 ITORERWA MU BURYO BUZIGUYE</b>                       | <b>247</b> | <b>34</b>  | <b>213</b> | <b>86.2</b> | <b>243</b>          | <b>98.4</b>  | <b>211</b> | <b>86.8</b>  |
| 2                         | <b>2.1. Urubyiruko: Imyanya 2</b>  | <b>34</b>  | <b>24</b>  | <b>10</b>  | <b>29.4</b> | <b>31</b>           | <b>91.2</b>  | <b>9</b>   | <b>29.0</b>  |
|                           | <b>2.2. Abantu bafite Ubumuga: Umwanya 1</b>   | <b>13</b>  | <b>10</b>  | <b>3</b>   | <b>23.1</b> | <b>13</b>           | <b>100.0</b> | <b>3</b>   | <b>23.1</b>  |
|                           | <b>2.3. Abagore: Imyanya 24</b>  | <b>200</b> | <b>0</b>   | <b>200</b> | <b>100</b>  | <b>199</b>          | <b>99.5</b>  | <b>199</b> | <b>100.0</b> |
|                           | - Amajyaruguru: Imyanya 4  | 33         | 0          | 33         | 100         | 33                  | 100.0        | 33         | 100.0        |
|                           | - Amajyepfo: Imyanya 6   | 60         | 0          | 60         | 100         | 60                  | 100.0        | 60         | 100.0        |
|                           | - Iburasirazuba: Imyanya 6   | 46         | 0          | 46         | 100         | 46                  | 100.0        | 46         | 100.0        |
|                           | - Iburengerazuba: Imyanya 6  | 44         | 0          | 44         | 100         | 44                  | 100.0        | 44         | 100.0        |
|                           | - Umujyi wa Kigali: Imyanya 2  | 17         | 0          | 17         | 100         | 16                  | 94.1         | 16         | 100.0        |
| <b>IGITERANYO RUSANGE</b> |  | <b>666</b> | <b>276</b> | <b>390</b> | <b>58.6</b> | <b>589</b>          | <b>88.4</b>  | <b>365</b> | <b>62.0</b>  |

### **3.2.2. Gutegura amatora y'Abasenateri**

Hateguwe gahunda y'amatora igaragaza amatariki y'amatora ku buryo bukurikira:

- **16 Nzeri 2024:** Itora ry'Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Ighugu;
- **17 Nzeri 2024:** Itora ry'Umusenateri 1 utorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta n'iry'Umusenateri 1 utorwa muri Kaminuza n'amashuri makuru byigenga.

### **3.2.3. Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Inzego zitorerwa**

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze no mu Nama z'Ighugu mu gihugu hose.

By'umwihariko hujujwe Inama Njyanama z'Uturere twa Huye na Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo, Gatsibo, Rwamagana na Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba na Rusizi, Nyamasheke, Rubavu, Rutsiro na Karongi mu Ntara y'Iburengerezuba, Burera, Gakenke, Musanze na Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru.

Uturere twose twavuzwe haruguru n'Umujiyi wa Kigali, twabereyemo n'amatora yo kuzuza Komite Nyobozi uretse Uturere twa Kamonyi, Bugesera na Gatsibo.

#### **3.2.3.1. Gushyiraho abakorerabushake bafashije kuyobora amatora**

Mu rwego rwo kunoza imigendekere myiza y'amatora, hashyizweho Abakorerabushake bayoboye amatora. Mu gihugu hose amatora yayobowe n'abakorerabushake **33,994** barimo abagore **15,018**, bahwanye na **44.2%** n'abagabo **18,976 (55.8%)** nk'uko imbonerahamwe ya 4 ikurikira yerekana imibare yabo muri buri Ntara/ Umujiyi wa Kigali no kuri buri rwego amatora yakoreweho.

*Imbonerahamwe ya 4: Imibare y'Abakorerabushake bafashije mu kuyobora amatora mu Ntara n'Umujiyi wa Kigali*

| INTARA/<br>UMUJYI WA<br>KIGALI | IMIBARE Y'ABAKORERABUSHAKE BAYOBOYE AMATORA |               |               |              |              |              |            |            |            |           |           |           |               |             |               |             |               |
|--------------------------------|---|---------------|---------------|--------------|--------------|--------------|------------|------------|------------|-----------|-----------|-----------|---------------|-------------|---------------|-------------|---------------|
|                                | KU RWEGO<br>RW'UMUDUGUDU                    |               |               | KU KAGARI    |              |              | KU MURENGE |            |            | KU KARERE |           |           | IGITERANYO    |             |               |             |               |
|                                | Gore  | Gabo          | Bose          | Gore         | Gabo         | Bose         | Gore       | Gabo       | Bose       | Gore      | Gabo      | Bose      | Gore          | %           | Gabo          | %           | Bose          |
| Amajyaruguru                   | 2,296                                       | 3,179         | <b>5,475</b>  | 279          | 543          | <b>822</b>   | 69         | 110        | 179        | 6         | 10        | <b>16</b> | 2,650         | 40.8        | 3,842         | 59.2        | <b>6,492</b>  |
| Amajyepfo                      | 3,495                                       | 3,487         | <b>6,982</b>  | 181          | 351          | <b>532</b>   | 45         | 157        | 202        | 5         | 7         | <b>12</b> | 3,726         | 48.2        | 4,002         | 51.8        | <b>7,728</b>  |
| Iburasirazuba                  | 3,186                                       | 4,319         | <b>7,505</b>  | 301          | 687          | <b>988</b>   | 46         | 142        | 188        | 7         | 14        | <b>21</b> | 3,540         | 40.7        | 5,162         | 59.3        | <b>8,702</b>  |
| Iburengerezuba                 | 3373  | 3770          | <b>7,143</b>  | 363          | 679          | <b>1,042</b> | 47         | 145        | 192        | 11        | 26        | <b>37</b> | 3,794         | 45.1        | 4,620         | 54.9        | <b>8,414</b>  |
| Umujiyi wa Kigali              | 1,152                                       | 1,121         | <b>2,273</b>  | 126          | 187          | <b>313</b>   | 29         | 41         | <b>70</b>  | 1         | 1         | <b>2</b>  | 1,308         | 49.2        | 1,350         | 50.8        | <b>2,658</b>  |
| <b>IGITERANYO</b>              | <b>13,502</b>                               | <b>15,876</b> | <b>29,378</b> | <b>1,250</b> | <b>2,447</b> | <b>3,697</b> | <b>236</b> | <b>595</b> | <b>831</b> | <b>30</b> | <b>58</b> | <b>88</b> | <b>15,018</b> | <b>44.2</b> | <b>18,976</b> | <b>55.8</b> | <b>33,994</b> |

### **3.2.3.2. Imigendekere y'amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze n'ibayavuyemo**

#### **1. Ku rwego rw'Imidugudu**

##### **• KOMITE NYOBOZI**

Ku rwego rw'Umudugudu, amatora yitabiriwe ku gipimo cya **85.2%**, hasimburwa Abayobozi bose hamwe **15,958** barimo Abagore **5,180** bangana na **32%** n'abagabo **10,789** bangana na **68%** nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

*Imbonerahamwe ya 5: Ibyavuye mu matora yo gusimbura muri Komite Nyobozi z'Imidugudu*

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI | ABAGOMBAGA GUTORA |             |                  |             |                  | ABATOYE          |             |                  |             |                  | ABATOWE     |              |             |               |             |               |
|--------------------------|-------------------|-------------|------------------|-------------|------------------|------------------|-------------|------------------|-------------|------------------|-------------|--------------|-------------|---------------|-------------|---------------|
|                          | Gore              | %           | Gabo             | %           | Bose             | Gore             | %           | Gabo             | %           | Bose             | %           | GORE         | %           | GABO          | %           | BOSE          |
| AMAJYARUGURU             | 366,503           | 55.7        | 291,607          | 44.3        | <b>658,110</b>   | 303,480          | 55.8        | 240,815          | 44.2        | <b>544,295</b>   | <b>82.7</b> | 830          | 30.5        | 1,887         | 69.5        | <b>2,717</b>  |
| AMAJYEPFO                | 514,781           | 56.3        | 404,395          | 44.2        | <b>913,953</b>   | 426,921          | 56.6        | 330,704          | 43.8        | <b>754,583</b>   | <b>82.6</b> | 1,254        | 34.0        | 2,447         | 66.3        | <b>3690</b>   |
| IBURASIRAZUBA            | 580,028           | 55.3        | 469,424          | 44.7        | <b>1,049,276</b> | 507,762          | 55.4        | 409,281          | 44.6        | <b>917,317</b>   | <b>87.4</b> | 1,346        | 30.6        | 3,048         | 69.4        | <b>4,394</b>  |
| IBURENGERAZUBA           | 519,601           | 56.4        | 401,673          | 43.6        | <b>921,274</b>   | 467,904          | 56.5        | 360,401          | 43.5        | <b>828,305</b>   | <b>89.9</b> | 1,209        | 32.0        | 2,565         | 68.0        | <b>3,774</b>  |
| UMUJYI WA KIGALI         | 255,260           | 54.8        | 210,152          | 45.2        | <b>465,412</b>   | 202,292          | 54.9        | 166,129          | 45.1        | <b>368,421</b>   | <b>79.2</b> | 541          | 39.1        | 842           | 60.9        | <b>1,383</b>  |
| <b>IGITERANYO</b>        | <b>2,236,173</b>  | <b>56.0</b> | <b>1,777,251</b> | <b>44.0</b> | <b>4,008,025</b> | <b>1,908,359</b> | <b>55.9</b> | <b>1,507,330</b> | <b>44.1</b> | <b>3,412,921</b> | <b>85.2</b> | <b>5,180</b> | <b>32.0</b> | <b>10,789</b> | <b>68.0</b> | <b>15,958</b> |

- BIRO Z'INAMA NJYANAMA Z'IMIDUGUDU**

Hashingiwe ku Iteka rya Perezida N° 001/01 ryo ku wa 06/02/2023 ryerekeye Umurenge, Akagari n'Umudugudu mu ngingo yaryo ya 42, “*Inama Njyanama y'Umudugudu iyoborwa na Biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga...*”. Ni muri urwo rwego Komisiyo yayoboye amatora ya Biro y'Inama Njyanama z'Imidugudu mu gihugu hose.

Amatora yitabiriwe ku gipimo cya **89.4%**, hatorwa Abayobozi bose hamwe **44,211** barimo abagore **19,929** bangana na **45.1%** nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

*Imbonerahamwe ya 6: Umubare w'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imidugudu batowe*

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI | ABAGOMBAGA GUTORA |             |                |             |                | ABATOYE        |             |                |             |                | ABATOWE     |               |             |               |             |               |
|--------------------------|-------------------|-------------|----------------|-------------|----------------|----------------|-------------|----------------|-------------|----------------|-------------|---------------|-------------|---------------|-------------|---------------|
|                          | Gore              | %           | Gabo           | %           | Bose           | Gore           | %           | Gabo           | %           | Bose           | %           | Gore          | %           | Gabo          | %           | Bose          |
| AMAJYARUGURU             | 366,503           | 55.7        | 291,607        | 44.3        | <b>658,110</b> | 303,480        | 55.8        | 240,815        | 44.2        | <b>544,295</b> | <b>82.7</b> | 3,685         | 44.9        | 4,529         | 55.1        | <b>8,214</b>  |
| AMAJYEPFO                | 56,715            | 56.5        | 43,648         | 43.5        | <b>100,363</b> | 52,890         | 56.8        | 40,282         | 43.2        | <b>93,172</b>  | <b>87.8</b> | 4,900         | 46.8        | 5,573         | 53.2        | <b>10,473</b> |
| IBURASIRAZUBA            | 58,636            | 56.1        | 45,822         | 43.9        | <b>104,458</b> | 53,514         | 55.9        | 42,174         | 44.1        | <b>95,688</b>  | <b>91.7</b> | 4,961         | 43.8        | 6,361         | 56.2        | <b>11,322</b> |
| IBURENGERAZUBA           | 58,373            | 57.8        | 42,563         | 42.2        | <b>100,936</b> | 53,387         | 57.8        | 38,991         | 42.2        | <b>92,378</b>  | <b>91.5</b> | 4,779         | 44.4        | 5,982         | 55.6        | <b>10,761</b> |
| UMUJYI WA KIGALI         | 19,081            | 55.2        | 15,478         | 44.8        | <b>34,559</b>  | 17,139         | 55.5        | 13,741         | 44.5        | <b>30,880</b>  | <b>89.4</b> | 1,604         | 46.6        | 1,837         | 53.4        | <b>3,441</b>  |
| <b>IGITERANYO</b>        | <b>559,308</b>    | <b>56.0</b> | <b>439,118</b> | <b>44.0</b> | <b>998,426</b> | <b>480,410</b> | <b>56.1</b> | <b>376,003</b> | <b>43.9</b> | <b>856,413</b> | <b>89.4</b> | <b>19,929</b> | <b>45.1</b> | <b>24,282</b> | <b>54.9</b> | <b>44,211</b> |

## 2. Ku rwego rw'Akagari

Hasimbuwe Abayobozi bakurikira:

- **Abajyanama rusange bahagarariye Imidugudu muri Njyanama z'Utugari;**
- **Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Utugari;**
- **Abajyanama bahagarariye nibura 30% by'Abagore bagize Inama Njyanama z'Utugari;**
- **Biro z'Inama Njyanama z'Utugari.**

Imbonerahamwe zikurikira zirerekana imibare y'Abayobozi batowe kuri buri rwego n'ubwitabire mu matora.

*Imbonerahamwe ya 7: Abajyanama rusange bahagarariye Imidugudu mu Nama Njyanama y'Utugari*

| URWEGO   | ABATOWE MU MATORA YO KUZUZA<br>2023-2024 |             |               |             |               | ABATOWE<br>MU 2021 | IKIGERERANYO<br>CY'ABASIMBUWE<br>(%) <sup>1</sup> |
|--|--|-------------|---------------|-------------|---------------|--------------------|---|
|  | Gore                                     | %           | Gabo          | %           | Bose          | Bose               |   |
| <b>INZEZO Z'IBANZE</b>                             |  |             |               |             |               |                    |   |
| KOMITE NYOBOZI Y'UMUDUGUDU                         | 5,180                                    | 32.4        | 10,789        | 67.6        | <b>15,969</b> | <b>70,305</b>      | <b>22.7</b>                                       |
| BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUDUGUDU                  | <b>19,929</b>                            | <b>45.1</b> | <b>24,282</b> | <b>54.9</b> | <b>44,211</b> | -                  | -   |
| INAMA NJYANAMA Y'AKAGARI                           | 1,204                                    | 47.2        | 1,346         | 52.8        | <b>2,550</b>  | <b>39,331</b>      | <b>6.5</b>  |
| BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKAGARI                    | 291                                      | 44.6        | 361           | 55.4        | <b>652</b>    | <b>6,438</b>       | <b>10.1</b>                                       |
| INAMA NJYANAMA Y'UMURENGE                          | 174                                      | 70.7        | 72            | 29.3        | <b>246</b>    | <b>8,915</b>       | <b>2.8</b>  |
| BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'UMURENGE                   | 65                                       | 40.1        | 97            | 59.9        | <b>162</b>    | <b>1,248</b>       | <b>13.0</b>                                       |
| INAMA NJYANAMA Z'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI        | 20                                       | 62.5        | 12            | 37.5        | <b>32</b>     | <b>470</b>         | <b>6.8</b>  |
| BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | 3  | 37.5        | 5             | 62.5        | <b>8</b>      | <b>84</b>          | <b>9.5</b>  |
| KOMITE NYOBOZI Z'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI        | 7  | 46.7        | 8             | 53.3        | <b>15</b>     | <b>84</b>          | <b>17.9</b>                                       |
| <b>IGITERANYO<sup>2</sup></b>                      | <b>6,944</b>                             | <b>35.4</b> | <b>12,690</b> | <b>64.6</b> | <b>19,634</b> | <b>126,874</b>     | <b>15.5</b>                                       |
| <b>INAMA Z'IGIHUGU</b>                             |  |             |               |             |               |                    |   |
| INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE                          | 12,102                                   | 100         | 0             | 0           | <b>12,102</b> | <b>116,613</b>     | <b>10.4</b>                                       |
| INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO                       | 7,335                                    | 45.6        | 8,743         | 54.4        | <b>16,078</b> | <b>127,674</b>     | <b>12.6</b>                                       |
| INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA            | 875                                      | 43.5        | 1,138         | 56.5        | <b>2,013</b>  | <b>18,186</b>      | <b>11.1</b>                                       |
| <b>IGITERANYO</b>                                  | <b>20,312</b>                            | <b>67.3</b> | <b>9,881</b>  | <b>32.7</b> | <b>30,193</b> | <b>262,473</b>     | <b>11.5</b>                                       |
| <b>IGITERANYO RUSANGE</b>                          | <b>27,256</b>                            | <b>54.7</b> | <b>22,571</b> | <b>45.3</b> | <b>49,827</b> | <b>389,347</b>     | <b>12.8</b>                                       |


Nk'uko iyi mbonerahamwe ibyerekana, hatabariwemo Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu nk'urwego rushya rwaterwe muri uriya mwaka, hasimbuwe Abayobozi bose hamwe **49,827** barimo **19,634** bo mu Nzego z'Ibanze na **30,193** bo mu Nama z'Ighugu. Muri abo batowe, **27,256** bangana na **54.7%** ni Abagore, naho **22,571 (45.3%)** ni Abagabo.

<sup>1</sup> Ikigereranyo ntikireba Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu kuko ni urwego rwagiye mu mwaka wa 2023

<sup>2</sup> Igiteranyo ntikibariyemo Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu

Ikigereranyo rusange cyo gusimbura Abayobozi mu mwaka wa 2023-2024 kingana na 12.8%. Inzego z'Ibanze nizo zasimbuje ku gipimo cyo hejuru, kingana na 15.5%, naho mu Nama z'Ighugu kingana na 11.5%. Mu Nzego z'Ibanze, Komite Nyobozi y'Umudugudu niyo yasimbujwemo Abayobozi benshi kandi no ku gipimo cyo hejuru kuko hasimbuwe Abayobozi **15,969**, bangana na **22.7%** by'Abatowe mu mwaka wa 2021.

Muri rusange, Inama y'Ighugu y'Urubyiruko niyo yasimbuje Abayobozi benshi, bangana na **16,078**.



### **3.2.4. Kunoza ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora**

Mu rwego rwo kurushaho kunoza ibikorwa by'amatora, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yatangiye umushinga wo kuvugurura porogaramu y'Ikoranabuhanga ifasha mu gutegura no kuyobora amatora ku bufatanye na RISA n'ikigo cyitwa QT Global Software Ltd. Iyi porogaramu "REMIS" (Rwanda Election Management Information System) izafasha mu bikorwa by'imyiteguro y'amatora ya Perezida yahujwe n'ay'Abadepite.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana aho ibice (modules) byose bigize umushinga byari bigeze mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024.

*Imbonerahamwe ya 18: Itegurwa ry'umushinga w'ikoranabuhanga mu micungire y'amatora "REMIS"*

| Nº | REMIS Module   | Icipimo |
|----|--|---------|
| 1  | Imikoreshereze ya Porogaramu (User management)                               | 98%     |
| 2  | Imicungire y'ilisiti y'itora (Voters management)                             | 90%     |
| 3  | Imicungire y'Abakorerabushake b'amatora (Volunteers management)              | 93%     |
| 4  | Imicungire y'Abakandida (Candidates management)                              | 75%     |
| 5  | Imicungire y'Indorerezi z'amatora (Observers' management)                    | 97%     |
| 6  | Ihuzwa n'itangazwa ry'ibyavuye mu matora (Election results' management)      | 75%     |
| 7  | Imicungire y'amakuru y'abatowe mu Nzego z'Ibanze (Local leaders' management) | 85%     |

### **3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, mu ngingo yaryo ya 5, mu nshingano za Komisiyo harimo "gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora".

Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2023-2024, hashingiwe kuri gahunda y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay' Abadepite Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yateguye ibikorwa bitandukanye bijyanye n'yo nshingano, byibanze ku gutegura imfashanyigisho no guhugura bimwe mu byiciro bigira uruhare mu matora.

#### **3.3.1. Gutegura no gutubura imfashanyigisho z'amahugurwa**

Hateguwe imfashanyigisho zitandukanye ku matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite kandi zigezwa ku baturage. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ubwoko n'imibare by'imfashanyigisho byateguve bikanatuburwa mu mwaka wa 2023- 2024.

**Imbonerahamwe ya 19: : *Imfashanyigisho ku matora zateguve zikanatuburwa***

| Nº                | Imfashanyigisho   | Umubare watubuwe |
|-------------------|---|------------------|
| 1                 | Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite  | 3,500            |
| 2                 | Iby'ingenzi mu mategeko n'Amabwiriza bigenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite       | 22,536           |
| 3                 | Itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'abagize Inteko Ishinga Amategeko, umutwe w'Abadepite         | 29,672           |
| 4                 | Inshingano, Imikorere n'Imyitwarire by'abakorerabushake b'amatora mu bihe by'amatora                |                  |
| 5                 | Imiterere y'Inzira y'Itora mu itora rya Perezida wa Repubulika n'iry'Abadepite na Gahunda y'amatora | 500,000          |
| <b>Igiteranyo</b> |   | <b>555,708</b>   |

**3.3.2. Guhugura ibyiciro bitandukanye ku matora**

Kugira ngo abaturage bose barusheho gusobanukirwa n'ibijjanye n'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, uruhare rwabo muri ayo matora n'imikoranire y'abafatanyabikorwa mu bikorwa by'amatora, Komisiyo y'igihugu y'Amatora yateguye kandi itanga amahugurwa ku byiciro bitandukanye byatoranyijwe by'Abanyarwanda. Abahuguwe bagize uruhare rugaragara mu kugeza ubutumwa bw'amatora ku bandi baturage.

By'Umwihariko, abakorerabushake b'amatora bahuguwe ku miyoborere y'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite no ku myitwarire yabo mu bihe by'amatora.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyiciro byahuguwe n'ubwitabire muri buri Ntara n'Umujiyi wa Kigali.

**Imbonerahamwe ya 20: Ibyiciro byahuguwe ku matora n'ubwitabire**

| Nº                | IBYICIRO BYAHUGUWE  | UMUBARE W'ABAHUGUWE |             |               |             | IGITERANYO    |
|-------------------|---|---------------------|-------------|---------------|-------------|---------------|
|                   |   | Gore                | %           | Gabo          | %           |               |
| 1                 | Abakozi b'Ingoboka  | 4                   | 12.5        | 28            | 87.5        | 32            |
| 2                 | Komite Mpuzabikorwa z'Uburerere Mboneragihugu ku matora                   | 7,434               | 35.9        | 13,278        | 64.1        | 20,712        |
| 3                 | Abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Umurenge, Site n'Abakuru b'Ibyumba | 6,889               | 36.7        | 11,900        | 63.3        | 18,789        |
| 4                 | Inama z'Igihugu (Abagore, Urubyiruko, n'abantu bafite Ubumuga)            | 8,187               | 83.1        | 1,665         | 16.9        | 9,852         |
| <b>IGITERANYO</b> |   | <b>22,514</b>       | <b>45.6</b> | <b>26,871</b> | <b>54.4</b> | <b>49,385</b> |

**3.3.3. Gukangurira abaturage iby'amatora**

Ibikorwa byo kwigisha no gushishikariza abaturage muri rusange gusobanukirwa no kwitabira amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite akomatanyije ndetse no gutora neza hirindwa

imfabusa byagezweho hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo inama, ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko mpine, ibyapa, Itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga.

Mu Rwanda, usibye ibyiciro byavuzwe mu mbonerahamwe iri haruguru, hateguwe hanatangwa inyigisho ku matora ku bindi byiciro by'abanyarwanda bitandukanye harimo Inzego z'Umutekano, Abacungagereza, Abanyeshuri n'abrimu, Amashyirahamwe n'amakoperative. Izi nyigisho kandi zatanzwe mu bikorwa bihuza abantu benshi muri rusange nk'umuganda n'inteko z'abaturage.

### **3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO**

#### **3.4.1. Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo**

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora muri rusange n'ibikorwa by'amatora by'umwihariko, mu mwaka wa 2023-2024 hibanzwe ku bikorwa by'imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, amatora yo kuzuza, uburere mboneragihugu ku matora n'ibindi bikorwa bya Komisiyo, hakoreshwa uburyo bw'itumanaho butandukanye.

##### **1. Ikiganiro "Inzira ya demokarasi"**

Ikiganiro "Inzira ya Demokarasi" cyateguwe buri wa kabiri w'icyumweru kuri radiyo Rwanda. Mu mwaka wa 2023-2024 hakozwe ibiganiro **46** byibanda ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- 1) Uko abaturage bishimiye gukorana n'abatore;
- 2) Uruhare rw'urubyiruko mu kwimakaza umuco wa demokarasi biciye mu matora;
- 3) Amatora yo gusimbura mu nzego zitandukanye;
- 4) Inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu gushyigikira imikoranire myiza hagati y'abatora n'abatorwa;
- 5) Imikorere y'Inzego zitorwa;
- 6) Akamaro k'inyigisho z'uburere mboneragihugu mbere na nyuma y'amatora;
- 7) Amabwiriza agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;
- 8) Ubwitabire bw'abaturage mu bibakorerwa n'ubufatanye bw'Abayobozi n'abayoborwa;
- 9) Ibikorwa by'amatora yo kuzuza mu nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu;
- 10) Gahunda y'Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;
- 11) Gahunda yo kuvugurura ilisiti y'itora;
- 12) Amahugurwa y'ibyiciro bitandukanye;
- 13) Kwakira kandidatre;
- 14) Kwiyamamaza kw'Abakandida.

##### **2. Ikoranabuhanga, imbuga nkoranyambaga n'urubuga rwa murandasi mu kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

Hateguwe amatangazo n'inyandiko zitandukanye za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zitangazwa ku buryo bw'ikoranabuhanga ku mbuga nkoranyambaga za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'izindi mbuga za murandasi (websites) zisurwa n'abaturage benshi.

Ubutumwa bwibanzwe kw'imenyekanisha rya gahunda z'amatora yo kuzuza, kumenyesha abaturage gahunda z'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, inama n'abafatanyabikorwa, ivugururwa ry'ilisiti y'itora n'ibindi.

### **3. Itangazamakuru rya radiyo na televiziyo**

Mu mwaka wa 2023-2024 hamenyekanishijwe ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abadepite binyuze mu biganiro bya "Dusangire ijambo" byacye kuri Radiyo no kuri Televiziyo y'u Rwanda n' umwanya Komisiyo yahawe ku maradiyo yigenga atandukanye kugira ngo itange ubutumwa, inasubize ibibazo byibazwaga ku matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abadepite.

Hakoreshejwe kandi amatangazo na spots kuri radiyo na televiziyo, n'ibiganiro imbonankubone n'abanyamakuru.

### **4. Ubutumwa**

Komisiyo y'Ighugu y'amatora yakoresheje uburyo bw'ubutumwa cyane cyane ku myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite mu gukangurira abaturage iby'ayo matora. Hakoreshejwe ubutumwa bugufi kuri telephone zigandanwa n'ubutumwa ku byapa binini n'ibimanikwa (banners).

#### **3.4.2. Imikoranire ya Komisiyo n'izindi nzego**

Mu rwego mpuzamahanga, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yitabiriye kuva 1-3/11/2023 Inteko rusange y' inama y' Ishyirahamwe ry'Inzego Nyafurika ziyobora amatora (AAEA) n'inama yo kwemeza inyandiko ku ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga mu matora muri Afurika "*Principles and Guidelines for use of Social media in elections in Africa*" yateguve ku bufatanye bw'Umuryango wa Afurika yunze ubumwe (AU) na AAEA.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yahagarariwe na **Visi Perezida wayo**, MUTIMUKEYE Nicole.

Ku rwego rw'Ighugu, Komisiyo yagiranye inama ~~eyane eyane~~ mu bihe by'imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, n'abafatanyabikorwa batandukanye ku migendekere y'amatora barimo Imitwe ya politiki, Imiryango itari iya Leta, Amadini n'Amatorero, Inzego z'umutekano, Komisiyo y'Ighugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Inama z'Ighugu n'Inzego z'Ibanze.

### **3.5. IMICUNGIRE Y'ABAKOZI N'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

#### **3.5.1. Imicungire y'abakozi**

Mu micungire y'Abakozi ba Komisiyo y'Ighugu y'Amatora by'umwihariko hakozwe isuzumwa ry'ishyirwa mu bikorwa by'imihigo ya buri mukozi, gutegura imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari utangiye, kuzamura abakozi mu ntera no gushyiraho abakozi b'ingoboka mu bihe by'amatora.

## 1. Gusuzuma no gutegura Imihigo

Imihigo y'Abakozi ba NEC y'umwaka wa 2022-2023 yarasuzumwe, abakozi 47 bahabwa amanota ndetse na raporo itangwa ku nzego bireba. Abakozi bose babonye amanota yo mu cyiciro cy'indashyikirwa. Umukozi wabonye amanota menshi ni uwabonye **93.50%**, naho uwabonye amanota macye yagize **80.18%**. Imbonerahamwe ikurikira irerekana incamake y'uko abakozi babonye amanota y'isuzumamikorere.

### *Imbonerahamwe ya 21: Isuzumamikorere ry'abakozi mu mwaka wa 2022-2023*

| Amanota           | Umubare w'Abakozi | %            |
|-------------------|-------------------|--------------|
| [90-95]           | 7                 | 14.9         |
| [85-90[           | 33                | 70.2         |
| [80-85[           | 7                 | 14.9         |
| <b>Igiteranyo</b> | <b>47</b>         | <b>100.0</b> |

Hateguwe kandi imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari 2023-2024.

## 2. Kuzamura abakozi mu Ntera

Nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe No 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta mu ngingo ya 31, abakozi **17** bazamuwe mu ntera ntambike (horizontal promotion) ku buryo bukurikira.

### *Imbonerahamwe ya 22: Abakozi bazamuwe mu ntera*

| N° | Izina                  | Icyo akora                                      | Urwego yavuyeho | Urwego yagiye |
|----|------------------------|---|-----------------|---------------|
| 1  | BUHIGIRO Patrick       | HRM Specialist                                  | 3.III           | 3.IV          |
| 2  | BUKASA Moise           | Public Relations & Communication Officer        | 4.IV            | 4.V           |
| 3  | DUSHIMUMUKIZA Elican   | Internal Auditor                                | 5.II            | 5.III         |
| 4  | IRAMBONA Liberatha     | Kigali City Coordinator of Electoral Operations | 3.III           | 3.IV          |
| 5  | KALIMUNDA Djamada      | Provincial Coordinator of Electoral Operations  | 3.III           | 3.IV          |
| 6  | KANSANGA Olive         | Elections Management Specialist                 | 3.IV            | 3.V           |
| 7  | KAYIRANGA Frank        | Provincial Coordinator of Electoral Operations  | 3.III           | 3.IV          |
| 8  | MUKARURANGWA Immaculee | Deputy Executive Secretary                      | F.VI            | F.VII         |
| 9  | MUNYANEZA Charles      | Executive Secretary                             | E.IV            | E.V           |
| 10 | NDUWIMANA Pacifique    | Provincial Coordinator of Electoral Operations  | 3.III           | 3.IV          |
| 11 | NIYIGENA Jean Bosco    | Administrative Assistant                        | 5.II            | 5.III         |
| 12 | RUTATIKA Jean de Dieu  | Provincial Coordinator of Electoral Operations  | 3.III           | 3.IV          |
| 13 | SHEMA Mike             | ICT Director                                    | 3.IV            | 3.V           |
| 14 | UMUTONI Kalisa         | Logistics officer                               | 5.IV            | 5.V           |

|    |                      |                   |      |      |
|----|----------------------|-------------------|------|------|
| 15 | UWIMANA Solange      | Accountant        | 5.IV | 5.V  |
| 16 | MAGEZI Celestin      | ELections Officer | 5.V  | 5.VI |
| 17 | YANGENEYE Marie Rose | Secretary         | 8.IV | 8.V  |

#### 4. Gushaka abakozi b'ingoboka

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho abakozi b'ingoboka bifashishijwe mu bikorwa bitandukanye no mu miyoborere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ku rwego rw'Igihugu, Intara/ Umujiyi wa Kigali no ku rwego rw'Uturere bangana na 73 nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekana.

##### *Imbonerahamwe ya 23: Abakozi b'ingoboka bashyizweho*

| Nº                | Abakozi b'ingoboka  | Umubare w'abakozi |
|-------------------|---|-------------------|
| 1                 | Umuhuzabikorwa w'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora n'amahugurwa ku cyicaro gikuru cya Komisiyo  | 1                 |
| 2                 | Ushinzwe imicungire y'abakorerabushake b'amatora ku cyicaro gikuru cya Komisiyo                           | 1                 |
| 3                 | Ushinzwe ibikoresho ku cyicaro gikuru cya Komisiyo  | 1                 |
| 4                 | Abashinzwe ibikoresho ku Ntara n'Umujiyi wa Kigali  | 5                 |
| 5                 | Abashinzwe ibikoresho mu Turere   | 30                |
| 6                 | Abashinzwe ibikorwa by'amatora n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu Ntara n'Umujiyi wa Kigali | 5                 |
| 7                 | Abashinzwe ibikorwa by'amatora n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu Turere                    | 30                |
| <b>IGITERANYO</b> |   | <b>73</b>         |

Uretse aba bakozi **73** bifashishijwe mu myiteguro no mu gihe cy'amatora nyirizina, hashyizweho n'abandi bakozi **92** bakoze mu kuvugurura ilisiti y'itora muri mudasobwa.

##### 3.5.2. Imicungire y'ingengo y'imari

Mu mwaka wa 2023-2024 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagenewe ingengo y'imari iturutse mu Kigega cya Leta yose ingana na **5,893,320,073Frw** harimo **5,293,227,573Frw** yahawe mu ntangiriro y'umwaka na **600,092,500 Frw** y'inyongera kubera imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite. Ingengo y'imari yose yakoreshejwe muri uwo mwaka ingana na **5,747,642,723 Frw**, ihwanye na **97.5%** nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekana.

*Imbonerahamwe ya 24: Ingengo y'imari Komisiyo yabonye mu mwaka wa 2023-2024 n'uko yakoreshejwe*

| Ibikorwa                                     | Ingengo y'Imari        |                    |                      |                      |             |                    |            |
|--|------------------------|--------------------|----------------------|----------------------|-------------|--------------------|------------|
|  | Y'umwaka yemejwe       |                    |                      | Yakoreshejwe         | %           | Yasigaye           | %          |
|  | Mu ntangiriro y'umwaka | Inyongera          | Yose                 |                      |             |                    |            |
| Imishahara n'uduhimbazamusyi                 | 1,147,645,546          | 86,931,800         | <b>1,234,577,346</b> | 1,074,090,291        | 87.0        | 160,487,055        | 13.0       |
| Ibikoresho byo mu biro no gutubura inyandiko | 895,012,449            | 25,000,000         | <b>920,012,449</b>   | 919,781,888          | 100.0       | 230,561            | 0.0        |
| Ibikoresho by'Ikoranabuhanga                 | 318,479,380            | 0                  | <b>318,479,380</b>   | 317,979,380          | 99.8        | 500,000            | 0.2        |
| Gutwara Abantu n'Ibikoresho                  | 797,883,355            | 305,092,500        | <b>1,102,975,855</b> | 1,118,564,735        | 101.4       | -15,588,880        | -1.4       |
| Itumanaho                                    | 117,694,836            | 25,000,000         | <b>142,694,836</b>   | 142,648,835          | 100.0       | 46,001             | 0          |
| Kumenyekanisha ibikorwa                      | 219,258,531            | 158,068,200        | <b>377,326,731</b>   | 377,326,230          | 100.0       | 501                | 0          |
| Amazi n'amashanyarazi                        | 170,215,273            | 0                  | <b>170,215,273</b>   | 170,213,273          | 100.0       | 2,000              | 0          |
| Gufata neza no gusana inyubako n'ibikoresho  | 28,911,201             | 0                  | <b>28,911,201</b>    | 28,911,092           | 100.0       | 109                | 0          |
| Umutekano                                    | 48,137,731             | 0                  | <b>48,137,731</b>    | 48,137,731           | 100.0       | 0                  | 0          |
| Gutera inkunga ibikorwa mbonezamubano        | 10,000,000             | 0                  | <b>10,000,000</b>    | 10,000,000           | 100.0       | 0                  | 0          |
| Kugura Serivisi zitandukanye                 | 6,000,000              | 0                  | <b>6,000,000</b>     | 6,000,000            | 100.0       | 0                  | 0          |
| Ubwishingizi n'impushya (IT Licenses)        | 5,613,338              | 0                  | <b>5,613,338</b>     | 5,613,338            | 100.0       | 0                  | 0          |
| Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu            | 1,071,923,510          | 0                  | <b>1,071,923,510</b> | 1,071,923,507        | 100.0       | 3                  | 0          |
| Imyambaro y'abayobora amatora                | 456,452,423            | 0                  | <b>456,452,423</b>   | 456,452,423          | 100.0       | 0                  | 0          |
| <b>IGITERANYO</b>                            | <b>5,293,227,573</b>   | <b>600,092,500</b> | <b>5,893,320,073</b> | <b>5,747,642,723</b> | <b>97.5</b> | <b>145,677,350</b> | <b>2.5</b> |

### 3.6. IMIKORERE Y'INZEZO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

#### 3.6.1. Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Mu mwaka wa 2023-2024 hakozwe inama z'Abakomiseri **15** ku matariki ya 18/07/2023, 16/08/2023, 21/08/2023, 22/09/2023, 26/10/2023, 14/11/2023, 17/11/2023, 22/11/2023, 1/12/2023, 5/01/2024, 26/01/2024, 15/02/2024, 14/03/2024, 3/04/2024 na 25/04/2024. Inyandikomvugo n'ibyemezo by'izo nama bishyinguwe mu bubiko bwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, Abakomiseri batangiye gukora ku buryo buhoraho kuva ku itariki ya 14 Gicurasi 2024.

Mu mwaka wa 2023- 2024, Komite ngenzuzi igizwe n'Abakomiseri 3 nayo yateranye inshuro 3 ku matariki ya 13/09/2023 na 13/12/2023 na 28/06/2024.

### **3.6.2. Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu ngingo yaryo ya 23, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni urwego rwa tekiniki rwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora rufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri munsi ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora, mu gutegura no gukora imirimo yose ijyanye n'amatora.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, imirimo ya buri munsi y'urwego rw'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa yagendeye ahanini ku birebana no gutegura no gutunganya ibikorwa bikubiye muri gahunda z'ibikorwa, iz'amatora, gukurukirana no gushyira mu bikorwa ibyemezo bifatwa n'Inzego za Komisiyo.

Mu mwaka wa 2023-2024 hateguwe kandi hakorwa inama **13** z'Ubuyobozi bw'Ubunyamabanaga Nshingwabikorwa ku matariki ya 5/07/2023, 3/08/2023, 22/08/2023, 01/09/2023, 26/09/2023, 18/10/2023, 13/11/2023, 01/12/2023, 9/01/2024, 22/01/2024, 5/03/2024, 9/04/2024, 17/04/2024. Inyandikomvugo n'ibyemezo by'izo nama bishyinguwe mu bubiko bwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora.

### **3.6.3. Kunoza imikorere ya Komisiyo**

#### **3.6.3.1. Ibirebana n'Igenamigambi**

Mu rwego rw'Igenamigambi, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 hakozwe iby'ingenzi bikurikira:

- Kunononsora gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2023-2024 hashingiwe ku ngengo y'imari yagenewe no kuyigeza ku nzego ziteganywa n'amategeko;
- Gutegura raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2022-2023 no kuyigeza ku nzego ziteganywa n'amategeko;
- Gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka 2024-2025 no gukurukirana iyemezwu ryawo.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibikorwa bigari n'ingengo y'imari byagenewe mu myaka ya 2023-2024 na 2024-2025.

*Imbonerahamwe ya 25: Ibikorwa bigari n'ingengo y'imari yabyo mu myaka ya 2023-2024 na 2024-2025*

| Nº | IBIKORWA BIGARI  | INGENGO Y'IMARI YEMEJWE |      |               |       |
|----|--|-------------------------|------|---------------|-------|
|    |  | 2023-2024               |      | 2024-2025     |       |
|    |  | Ingano                  | %    | Ingano        | %     |
| 1  | Gutegura amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite      | 3,278,224,081           | 61.9 | 2,894,178,414 | 59.90 |
| 2  | Gutegura amatora y'Abasenateri                                 | 13,446,160              | 0.3  | 10,375,000    | 0.22  |
| 3  | Gutegura no kuyobora amatora y'Umujyi wa Kigali                | 0                       | 0    | 3,340,000     | 0.07  |
| 4  | Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Inzego zitorerwa        | 95,867,500              | 1.8  | 121,764,307   | 2.52  |
| 5  | Gutegura gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora | 33,569,258              | 0.6  | 3,215,000     | 0.06  |

| Nº                | <b>IBIKORWA BIGARI</b>   | <b>INGENGO Y'IMARI YEMEJWE</b> |              |                      |              |
|-------------------|--|--------------------------------|--------------|----------------------|--------------|
|                   |  | <b>2023-2024</b>               |              | <b>2024-2025</b>     |              |
|                   |  | <b>Ingano</b>                  | <b>%</b>     | <b>Ingano</b>        | <b>%</b>     |
| 6                 | Guha ingufu ikoreshwa ry'itumanaho, imenyekanishamakuru n'inzu y'isomero | 42,297,780                     | 0.8          | 173,156,420          | 3.58         |
| 7                 | Gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora binyuze mu mahugurwa | 480,257,098                    | 9.1          | 15,300,000           | 0.33         |
| 8                 | Gushaka ibikoresho na serivisi   | 264,643,280                    | 5.0          | 465,368,800          | 9.63         |
| 9                 | Guteza imbere ibirebana n'Igenamigambi, Ubutegetsi n'Imicungire y'Imari  | 8,524,880                      | 0.2          | 77,329,190           | 1.60         |
| 10                | Imiyoborere y'abakozi n'Abakomiseri n'Imicungire y'imishahara yabo       | 925,567,536                    | 17.5         | 944,728,779          | 19.55        |
| 11                | Kongera ubushobozi mu ikoranabuhanga                                     | 150,830,000                    | 2.8          | 122,605,256          | 2.54         |
| <b>Igiteranyo</b> |  | <b>5,293,227,573</b>           | <b>100.0</b> | <b>4,831,361,166</b> | <b>100.0</b> |

### 3.6.3.2. Gutegura no gutanga amasoko

Mu mwaka wa 2023-2024 hatanzwe amasoko yose hamwe **18** harimo **8** y'Ibikoresho (Goods), isoko **1** ry'Impuguke (Consultancy services) n'amasoko **9** ya Serivisi (Non-consultancy services).

### 3.6.3.3. Ubugenzuzi bwa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora

Ku birebana n'ubugenzuzi bwite bwa Komisiyo, mu mwaka wa 2023-2024 hakozwe ubugenzuzi, hatangwa n'inama mu bijyanye n'imikoreshereze y'ingengo y'imari n'imitangire n'imicungire y'amasoko ya Leta.

Muri uwo mwaka kandi Komisiyo yakiriye kuva ku wa 25/03-12/04/2024 itsinda ry'abagenzuzi baturutse mu Bugenzuzi bw'Imari ya Leta.

Raporo y'ubwo bugenzuzi ku mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 yabaye "**Ntamakemwa**" (Clean Audit).

### 3.6.3.5. Gutunganya Isomero n'Ubushyinguranyandiko

Inzu y'Isomero ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yacunzwe mu buryo bwa buri munsi harimo kwakira abagana inzu y'isomero, gucunga inyandiko n'ibitabo (gutiza no gukurikirana uko ibyatijwe bitirurwa). Mu mpera z'umwaka wa 2023-2024 Isomero rya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora ryari rimaze kugeramo ibitabo bingana na 1,534 na nimero z'Igazeti ya Leta 6,425 (laws, presidential orders, ministerial orders and instructions).

Mu birebana no gushyingura inyandiko, mu mwaka wa 2023-2024 hatunganyijwe, hanabikwa neza inyandiko z'imyaka ya 2019, 2020 na 2021.

#### **4. INZITIZI ZAGARAGAYE**

Nubwo ibyakozwe mu mwaka wa 2022-2023 byagezweho ku rwego rushimishije nk'uko byagaragajwe haruguru, mu gutunganya ibyari kuri gahunda y'ibikorwa byayo, Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yahuye n'inzitizi zikurikira:

❖ **Ingengo y'imari idahagije**

N'ubwo Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yagenewe ingengo y'imari y'inyongera kubera uburemere bw'ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite, ibi ntibyabujije kugira icyaho mu ngengo y'imari ku bikorwa bimwe na bimwe birebana n'imyiteguro y'ayo matora.

❖ **Umubare muto w'Abakozi bahoraho utajyanye n'uburemere bw'inshingano za Komisiyo y'Ighugu y'Amatora**

Ubuke bw'abakozi ba Komisiyo n'urwego bariho ni inzitizi mu kurangiza neza inshingano zabo zo gutegura no kuyobora amatora.

#### **5. INGAMBA N'IBYIFUZO**

Mu rwego rwo gukemura inzitizi zagaragaye haruguru, ingamba n'ibyifuzo bikurikira byafasha gukemura ibibazo byagaragaye mu rwego rwo kurushaho kunoza imikore:

- ❖ Gukora ubuvugizi kugira ngo Komisiyo ibone ingengo y'imari y'inyongera ihagije mu mwaka wa 2024-2025 ku buryo haboneka uburyo bwo kwishyura ibikorwa bitashoboye kubona ingengo y'imari ya ngombwa.
- ❖ Gukora ubuvugizi mu nzego za Leta bireba kugira ngo umubare w'abakozi wiyoungere n'imyanya y'imrimo na Komisiyo ubwayo bizamurirwe intera.

#### **6. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANIJWE MU MWAKA WA 2024-2025**

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo y'Ighugu y'Amatora izibanda ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- 1) Gukomeza ibikorwa by'imyiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite no kuyobora amatora nyirizina;
- 2) Gutegura no kuyobora amatora y'Abasenateri;
- 3) Gutegura no kuyobora amatora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozzi by'Umujiyi wa Kigali;
- 4) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza mu Nzego zitorerwa harimo iz'Ibanze n'Inama z'Ighugu;
- 5) Gutegura gahunda y'Inyigisho z'uburere mboneragihugu no gutanga amahugurwa y'uburere mboneragihugu ku matora ku byiciro bigira uruhare mu matora;
- 6) Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo muri rusange n'iby'amatora by'umwihariko;

- 7) Gushyira mu bikorwa igenamigambi ry'umwaka wa 2024-2025 no gutegura igenamigambi ry'umwaka wa 2025-2026;
- 8) Kongerera ubushobozi Komisiyo, Abakomiseri n'abakozi bayo.

## 7. UMUSOZO

Mu mwaka wa 2023-2024 Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yashoboye gutunganya ibikorwa byari biteganyijwe, byiganjemo iby'imyiteguro y'Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, amatora y'Abasenateri, amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Ighugu, gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora.

Ibikorwa bya buri munsi byunganira ibikorwa by'amatora birimo ibirebana no kugura ibikoresho na serivisi, kumenyekanisha ibikorwa, igenamigambi ry'ibikorwa, imari n'amasoko, ubugenzunzi n'ibindi nabyo byafashe umwanya mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'umwaka wa 2023-2024.

Imbogamizi ikomeye Komisiyo y'Ighugu y'Amatora yahuye nayo n'irebana n'ingengo y'imari itari ihagije kubera uburemere bw'ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika yahujwe n'ay'Abadepite ariko ku bufatanye n'Inzego bireba, Komisiyo irizera kuyibonera igisubizo gikwiye.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora irashimira Guverinoma y'u Rwanda ku bushobozi yayigeneye kugira ngo irangize neza inshingano zayo n'Inzego zose zagize uruhare mu bikorwa byayo mu mwaka wa 2023-2024.

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora iboneyeho kandi umwanya wo gukangurira Abanyarwanda bose n'Inzego zose zigira uruhare mu bikorwa by'amatora kuzitabira amatora ya Perezida wa Repubulika, ay'Abadepite, ay'Abasenateri n'ay'Abayobozi mu Mujyi wa Kigali ateganyijwe mu ntangiriro z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024- 2025.